# 311: Yemwe, nshuti twabanye

1. Yemwe, nshuti twabanye Kandi twafatanije,
   Tubasezeyeh’ ubu, Murabeho : Ku Mana.

2. Tugiye gutangira Urugendo runini :
   Mujye mudusabira, , Iman' ibane natwe.

3. Noneho, mwa nshuti mwe, Turashaka kugenda.
   Ngo tujyane na Yesu, Hamwe n'Uwiteka, Se.

4. Ariko ntitwihebye Kubw' inzira ducamo:
   Tuzi ko twarushyize Mu maboko y'Imana.

5. Murabeho, bagenzi, Abo twafatanije.
   Mu byago no mu byiza. Yes' agendane namwe.

6. Har' uburuhukiro Bw'abakijijwe bose
   Ni dupfa, tuzabayo Ku Witeka mw ijuru.

7. Ahar' amaso n' aya Yo kubonana mw isi;
   Nyamar’ abakijijwe Tuzabana mw ijuru.

8. Murabeho, bagenzi Dusubiy' i wac' ubu.
   Nimugende mwizeye, Tubaragij' Imana.

Visit us at burundi.indirimbo.com